RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** Taliki 13-15 Mutarama



**P1. Tennis :** Ikipe y'u Rwanda U-16 mu bakobwa yegukanye umwanya wa kabiri mu irushanwa ry'Akarere k'Afurika y'Iburasirazuba ryaberaga i Burundi

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Tennis:** Ikipe y'u Rwanda U-16 mu bakobwa yegukanye umwanya wa kabiri mu irushanwa ry'Akarere k'Afurika y'Iburasirazuba ryaberaga i Burundi

P2 **Sitting Volleyball:** Uko imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona yagenze

P3 **Basketball:** Hatangiye shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo y'umwaka wa 2023

P3 **Rugby:** Lions de Fer RFC yasoje imikino ibanza ya shampiyona idatsinzwe

## 1 **Tennis :** Ikipe y'u Rwanda U-16 mu bakobwa yegukanye umwanya wa kabiri mu irushanwa ry'Akarere k'Afurika y'Iburasirazuba ryaberaga i Burundi

Kuva taliki 07 kugeza 15 Mutarama 2023 i Bujumbura mu gihugu cy'u Burundi habereye imikino y'Akarere k'Afurika y'Iburasirazuba mu mukino wa Tennis mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 14 na 16 mu bakobwa n'abahungu « ITF/CAT East African Junior Championships 2023 ».

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'ibihugu 6 ari byo, u Burundi, Djibouti, Kenya, u Rwanda, Tanzania na Uganda.

Abakinnyi 12 ni bo bari baserukiye u Rwanda mu byiciro byose. Mu bahungu batarengeje imyaka 16 (U-16) hari Habiyambere Calvin Promesse, Murinzi Gédéon na Umuhoza King Onex naho mu batarengeje imyaka 14 (U-14) hari Rutayisire Kevin, Nimigisha Abedi na Niyibizi Jedekia.

Mu batarengeje imyaka 14 mu bakobwa hitabiriye Ishimwe Bimenyimana Melissa, Weikl Eunice Loana na Kayiranga Teta Ines naho mu batarengeje imyaka 14 hitabira Ineza Thierrine, Tuyishime Esther na Uwitonze Julienne.

Muri iri rushanwa, abakinnyi bakinnye ku giti cyabo " Individuals", bakina ari babiri "Doubles" nyuma bakina nk'ikipe "Team Event".

Mu bakinnye ku giti cyabo ndetse no mu cyiciro cy'abakina ari babiri, ikipe y'u Rwanda mu bakobwa batarengeje imyaka 16 yegukanye umwanya wa kabiri n'amanota 300. Iyi kipe yaje ikurikiye Kenya yegukanye umwanya wa mbere n'amanota 785 naho ku mwanya wa 3 haza Tanzania n'amanota 280.

Mu barengeje imyaka 14 mu bakobwa, ikipe y'u Rwanda yaje ku mwanya 3 n'amanota 214. Ku mwanya wa mbere haje ikipe ya Kenya n'amanota 660 naho ku mwanya wa kabiri haza ikipe y'u Burundi n'amanota 395.

Mu bahungu batarengeje imyaka 16, ikipe y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa 4 n'amanota 195. Muri iki cyiciro ikipe y'u Burundi yegukanye umwanya wa mbere n'amanota 590 ikurikirwa na Kenya n'amanota 380 naho ku mwanya wa gatatu haza Uganda n'amanota 335.

Mu batarengeje imyaka 14, ikipe y'u Rwanda yabaye iya 5 n'amota 77. Ku mwanya wa mbere haje u Burundi n'amanota 535, Uganda iba iya kabiri n'amanota 415, Kenya ku mwanya wa 3 n'amanota 335 naho ku mwanya wa kane haza Tanzania n'amanota 140.

Muri iki cyiciro abakinnyi bahabwa amanota bitewe n'aho bagarukiye bakina ku giti cyabo ndetse n'iki cyiciro cy'abakina ari babiri hanyuma amanota y'aba bakinnyi bakayateranya kugira ngo barebe igihugu cyitwaye neza.

Nyuma y'iyi mikino, ikipe ya Kenya mu bakobwa batarengeje imyaka 14 na 16 ndetse n'u Burundi mu bahungu batarengeje imyaka 14 na 16 zabonye itike yo guhagararira aka Karere mu mikino y'Afurika "ITF/CAT African Junior Championships 2023".

Iyi mikino ikaba yari yateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Tennis ku Isi "ITF" ku bufatanye n'impuzamashyirahamwe y'uyu mukino muri Afurika "CAT".




# **Sitting Volleyball:** Uko imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona yagenze

Taliki 14 na 15 Mutarama 2023 i Huye habereye imikino y'umunsi wa kabiri "Phase 2" wa shampiyona mu mukino wa Volleyball ikinwa n'abantu bafite ubumuga "Sitting Volleyball Championship 2022-2023".

Iyi mikino yabaye iminsi ibiri yari yitabiriwe n'amakipe 18 mu bagabo na 10 mu bagore.


Biteganyijwe ko imikino y'umunsi wa 3 "Phase 3" izabera mu Karere ka Gicumbi taliki 11 na 12 Werurwe 2023.

**Uko imikino y'umunsi wa 3 yagenze**





WOMEN RESULTS

| | | | |
|---|---|---|---|
| BUGESERA | 2-0 | RUHANGO | (25-10,25-8) |
| RULINDO | 0-2 | GAKENKE | (18-25,16-25) |
| NYANZA | 0-2 | RUBAVU | (13-25,23-25) |
| RUSIZI | 0-2 | NYARUGENGE | (11-25,9-25) |
| GICUMBI | 1-2 | MUSANZE | (27-25,28-30,7-15) |
| BUGESERA | 2-0 | GAKENKE | (25-14,25-15) |
| RUHANGO | 2-0 | RUBAVU | (25-17,25-17) |
| RULINDO | 0-2 | NYARUGENGE | (13-25,13-25) |
| NYANZA | 0-2 | MUSANZE | (11-25,9-25) |
| RUSIZI | 0-2 | GICUMBI | (10-25 12-25) |




MEN RESULTS

| | | | |
|---|---|---|---|
| GASABO | 2-0 | NYAMASHEKE | (25-11,25-11) |
| MUSANZE | 2-1 | RUSTIRO | (22-25,25-22,15-7) |
| RUBAVU | 0-2 | BURERA | (25-27,25-27) |
| KICUKIRO | 2-0 | RUHANGO | (25-6,25-13) |
| RUSIZI | 2-0 | KARONGI | (25-20,25-11) |
| GISAGARA | 2-0 | GATSIBO | (25-12,25-18) |
| KAYONZA | 0-2 | NYAGATARE | (11-25,13-25) |
| MUHANGA | 1-2 | NGOMA | (25-22,23-25,6-15) |
| RWAMAGANA | 0-2 | RUTSIRO | (19-25,23-25) |
| GASABO | 2-0 | BURERA | (25-10,25-12) |
| MUSANZE | 2-0 | RUHANGO | (25-22,25-9) |
| RUBAVU | 1-2 | KARONGI | (25-15,20-25,15-13) |
| KICUKIRO | 0-2 | RUSIZI | (24-26,18-25) |
| GISAGARA | 2-0 | NGOMA | (25-11,25-9) |
| NYAGATARE | 2-0 | NYAMASHEKE | (26-24,25-21) |
| GATSIBO | 0-2 | RUTSIRO | (17-25,6-25) |
| KAYONZA | 0-2 | BURERA | (21-25,10-25) |
| MUHANGA | 0-2 | RUHANGO | (23-25,17-25) |
| RWAMAGANA | 1-2 | RUSIZI | (22-25,25-11,15-10) |
| GASABO | 2-0 | KICUKIRO | (25-8,25-15) |
| MUSANZE | 2-0 | RUBAVU | (25-4,25-12) |
| GISAGARA | 2-0 | NYAMASHEKE | (25-17,25-14) |
| NGOMA | 0-2 | RUTSIRO | (9-25,18-25) |
| NYAGATARE | 1-2 | BURERA | (21-25,25-12,11-15) |
| GATSIBO | 1-2 | RUHANGO | (17-25,25-21,11-15) |
| MUHANGA | 0-2 | RUSIZI | (6-25,13-25) |
| RWAMAGANA | 1-2 | RUBAVU | (20-25,25-22,7-15) |
| GASABO | 2-1 | MUSANZE | (25-20,24-26,15-8) |




WOMEN RESULTS

| | | | |
|---|---|---|---|
| BUGESERA | 2-1 | RUBAVU | (22-25,25-12,15-8) |
| GAKENKE | 0-2 | NYARUGENGE | (18-25,19-25) |
| RUHANGO | 0-2 | MUSANZE | (5-25,6-25) |
| RULINDO | 0-2 | GICUMBI | (8-25,10-25) |
| NYANZA | 0-2 | RUSIZI | (18-25,21-25) |
| BUGESERA | 2-0 | NYARUGENGE | (25-17,25-16) |
| RUBAVU | 0-2 | MUSANZE | (20-25,10-25) |
| GAKENKE | 0-2 | GICUMBI | (15-25,6-25) |




MEN RESULTS

| | | | |
|---|---|---|---|
| KAYONZA | 0-2 | KICUKIRO | (23-25,16-25) |
| MUHANGA | 0-2 | RUBAVU | (16-25,18-25) |
| RWAMAGANA | 0-2 | GASABO | (7-25,11-25) |
| GISAGARA | 2-0 | BURERA | (25-22,25-17) |
| RUTSIRO | 2-0 | RUHANGO | (25-12,25-12) |
| NYAMASHEKE | 0-2 | KARONGI | (8-25,24-26) |
| NGOMA | 0-2 | RUSIZI | (13-25,20-25) |
| NYAGATARE | 0-2 | KICUKIRO | (13-25,12-25) |
| GATSIBO | 0-2 | RUBAVU | (14-25,22-25) |
| KAYONZA | 0-2 | MUSANZE | (11-25,9-25) |
| MUHANGA | 0-2 | GASABO | (13-25,16-25) |
| GISAGARA | 2-0 | RUHANGO | (25-13,25-14) |
| BURERA | 1-2 | KARONGI | (27-29,25-23,10-15) |
| RUTSIRO | 0-2 | RUSIZI | (22-25,15-25) |
| NYAMASHEKE | 0-2 | KICUKIRO | (23-25,17-25) |
| NGOMA | 0-2 | RUBAVU | (21-25,20-25) |
| RWAMAGANA | 2-0 | KAYONZA | (25-23,25-9) |







## **Basketball:** Hatangiye shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo y'umwaka wa 2023

Taliki 13 kugeza 15 Mutarama 2023 habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo mu mukino wa Basketball muri uyu mwaka wa 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 13-01-2023**
- REG BBC **103-51** Orion BBC
- Patriots BBC **85-98** Kigali Titans

**Taliki 14-01-2023**
- APR BBC **106-36** IPRC Musanze
- Tigers BBC **70-62** IPRC Huye

**Taliki 15-01-2023**
- REG BBC **113-44** IPRC Musanze
- APR BBC **116-23** IPRC Huye
- Espoir BBC **81-71** Orion BBC

Imikino ya shampiyona izakomeza mu mpera z'iki cyumweru taliki 20 kugeza 22 Mutarama 2023.





## **Rugby:** Lions de Fer RFC yasoje imikino ibanza ya shampiyona idatsinzwe

Taliki 14 Mutarama 2023 habaye imikino y'umunsi wa 5 ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo mu mukino wa Rugby "Rwanda Rugby League Season 2022-2023" mu bakina ari 15 "15 Aside".

Ikipe ya Lions de Fer RFC ni yo yitwaye neza isoza iyi mikino ibanza idatsinzwe.

Mu mikino yabaye, ikipe ya Lions de Fer RFC yatsinze Kigali Sharks RFC amanota 20 kuri 3 naho ikipe ya 1000 Hills RFC itsinda ikipe ya Muhanga Thunders RFC amanota 40 kuri 6. Iyi mikino yabereye ku kibuga cya Croix Rouge ku Kacyiru.

Undi mukino wabereye mu Karere ka Kamonyi aho ikipe ya Kamonyi Puma RFC yatsindiwe mu rugo n'ikipe ya Resilience RFC y'i Rusizi amanota 54 kuri 5 .

Nyuma y'imikino ibanza, ikipe ya Lions de Fer RFC ni yo iyoboye urutonde n'amanota 22, ikurikiwe na Thousand Hills RFC n'amanota 17, Kigali Sharks RFC (11), Muhanga Thunders RFC (10), Resilience RFC (8) naho ku mwanya wa nyuma wa 6 hari Kamonyi Puma RFC (0).

Biteganyijwe ko imikino yo kwishyura izasubukurwa mu ntangiriro za Gashyantare 2023 aho ikipe ya Muhanga Thunders RFC izakira Kamonyi Puma RFC , Kigali Sharks RFC yakire Resilience RFC naho Lions de Fer RFC ikine na Thousand Hills RFC .

**Uko imikino yagenze**
- Thousand Hills RFC **40-06** Muhanga Thunders
- Lions de Fer RFC **20-03** Kigali Sharks RFC
- Kamonyi Puma RFC **05-54** Resilience RFC





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave